# AMABWIRIZA AGENGA "RWANDA RISING STARS U17 CHAMPIONSHIP 2025-2026"

## IRANGASHINGIRO

Hashingiwe ku ngingo ya 2 n'iya 73 z'Amategeko Shingiro ya FERWAFA yo ku itariki ya 03/05/2025,

Hashingiwe ku ngingo ya 12 n'iya 13 z'amabwiriza agenga amarushanwa ya FERWAFA yo ku wa 23/11/2020;

## IGICE CYA MBERE : INGINGO RUSANGE

Ibisobanuro by'amagambo:

- **FERWAFA:** Ishyirahamwe ry'umupira w'amaguru mu Rwanda
- **License:** Uruhushya ruhabwa umukinnyi rumwemerera gukina no kwitabira amarushanwa
- **IFAB:** Inama y'Ubuyobozi y'umupira w'amaguru ku isi.
- **Komite Nyobozi**: Urwego Ngengamikorere kandi ruyobora FERWAFA
- **Amategeko agenga Umukino**: Amategeko agenga umukino ashyirwaho na IFAB hakurikijwe ingingo bijyanye z'amategeko rusange ya FIFA.
- **Umukinnyi:** Umukinnyi w'umupira w'amaguru wese wanditswe muri FERWAFA.
- **Ikipe:** Ikipe yiyandikishije kandi yemerewe gukina irushanwa rya "**RWANDA RISING STARS U17 CHAMPIONSHIP**"
- **CTR:** Umuntu uhagarariye FERWAFA muri "League"
- **Umuyobozi**: Buri muntu wese uri mu nama y'ubuyobozi (harimo abagize komite nyobozi), uri muri komite nyobozi, umusifuzi, uwungirije umusifuzi, umutoza, utegura abakinnyi ndetse n'undi muntu uwo ari we wese ushinzwe tekiniki, ubuvuzi ndetse n'ubuyobozi muri FIFA, muri CAF, muri FERWAFA, mu ihuriro ry'umupira w'amaguru cyangwa mu ikipe cyangwa abandi bantu abo ari bo bose bagengwa n'amategeko shingiro ya FERWAFA (usibye abakinnyi n'abatoza).

- **Icyitonderwa**: Amagambo yerekeza ku bantu ku giti cyabo akubiyemo ibitsina byombi. Amagambo ayo ari yo yose ari mu bumwe asobanura ubwinshi kimwe n'uko ari mu bwinshi asobanura ubumwe.

FERWAFA YOUTH LEAGUE U17/ 2025-2026 izitabirwa n'amakipe y'abakiri bato (youth teams) ashamikiye ku makipe makuru akina muri shampiyona y' ikiciro cya mbere, icya kabiri n'icya gatatu mu Bagabo no mu Bagore ategurwa na FERWAFA ndetse n'abafatanyabikorwa bujuje ibisabwa bazabisaba kandi bakabyemererwa n'ubunyamabanga bukuru bwa FERWAFA.

Muri aya mabwiriza RWANDA RISING STARS U17 bazakinira mu matsinda atandukanye. Irushanwa rizatangira tariki ya 21/02/2026 mu Bahungu no mu Bakobwa mu matsinda akurikira :

**Mu Bakobwa:**

- **ITSINDA A :** ESPERANCE WFC, EAGLES WFC, SUPER POWER WFC, INYANGE GIRLS, IMBARUTSO WFC, POLICE WFC na IMPEESA WFC
- **ITSINDA B:** GREENLAND WFC, NYARUGURU WFC, FOREVER GIRLS, IBONEMO WFC, IGISHASHI WFC, ES MUTUNDA na RUNDA VISION WFC
- **ITSINDA C:** MUNYIGINYA FTC, CENTER FOR CHAMPIONS, INZOZI WFC , KABARE WFC , NDABUC WFC , KAZO YEFTO W na KAYONZA WFC

**Mu Bahungu:**

- **ITSINDA A :** CITY BOYS , VISION FC. ASPOR, MOTARD FC , FC BAYERN ACADEMY RWANDA, SUNRISE FC, KAMONYI FC na IMPEESA FC
- **ITSINDA B**: MARINE FC , VISION JEUNESSE N, NYABIHU YOUNG BOYS, GICUMBI FC, HEROES FA, GORILLA FC na TONY FA

<u>Ingingo ya mbere:</u> **Icyo aya mabwiriza agamije n'abo areba**

Aya mabwiriza ashyizweho hagendewe ku ntego zigamijwe kugerwaho mu iterambere ry'umupira w'amaguru mu Rwanda no gushyiraho umurongo w'ibisabwa bizagenderwaho haba mu bijyanye no kwemerera amakipe kwitabira irushanwa ndetse no mu bijyanye n'imigendekere y'imikino yose igize irushanwa.

Aya mabwiriza arareba abakinnyi, abayobozi b'imikino n'abahagarariye FERWAFA, abayobozi b'amakipe. Abareba imikino n'abandi bafatanyabikorwa barebwa n'imigendekere myiza y'irushanwa.



MB

**Ingingo ya kabiri: Ibirebana n'abayobozi b'imikino (match officials) n'abahagarariye FERWAFA**

Komisiyo ishinzwe imisifurire niyo izajya igena abasifuzi bayobora imikino mu gihe Ubunyamabanga Bukuru bwa FERWAFA aribwo bushinzwe gushyiraho abayobozi b'imikino n'abandi bahagararira FERWAFA mu gihe bibaye ngombwa hagamijwe imigendekere myiza y'irushanwa.

Uko byagenda kose, umukino ugomba gusifurwa n'abasifuzi nibura 4.

Inshingano z'abayobozi b'imikino ziteganywa n'Amabwiriza ya FERWAFA agenga amarushanwa.

**Ingingo ya gatatu: Amasaha imikino itangiriraho n'ibibuga**

Ubunyambanga Bukuru bwa FERWAFA bufite ububasha bwo gushyiraho cyangwa guhindura ikibuga, amatariki n'igihe imikino izajya iberaho.

Ikipe ifite impamvu zifatika kandi zumvikana zituma batazitabira umukino, babimenyesha ubunyamabanga bukuru nibura mbere y'iminsi 2. Ubunyamabanga Bukuru bushobora kwemera cyangwa gutesha agaciro izo mpamvu bumaze kuzisuzuma.

**Ingingo ya kane : Gukurikiza amategeko agenga umukino (laws of the game)**

Usibye ukundi byaba biteganywa n'aya mabwiriza, Amategeko y'umukino (laws of the game) azifashishwa mu irushanwa ni ayashyizweho n'inama nkuru y'ubutegetsi y'umupira w'amaguru *(IFAB Laws of the game)*.

## IGICE CYA KABIRI: KWANDIKISHA AMAKIPE , ABAKINNYI N'ABATOZA

**Ingingo ya gatanu: Ibisabwa kugira ngo ikipe yemererwe kwitabira irushanwa**

Buri kipe ikina RWANDA RISING STARS U17 igomba kwiyandikisha mu gihe cyagenwe ndetse no mu buryo bugenwa mu Bunyamabanga Bukuru bwa FERWAFA.

Umutoza mukuru w'ikipe y'abato *(Junior U17)* agomba kuba afite nibura Licence C ya CAF.

**Ingingo ya gatandatu: Ibisabwa kugira ngo abakinnyi bemererwe kwitabira irushanwa**

Abakinnyi bemerewe kwitabira aya marushanwa ni abakinnyi bavutse mu mwaka wa 2010, 2011 na 2012 gusa.

Buri kipe igomba kwandikisha abakinnyi bose muri FERWAFA CONNECT bashyiramo ibyangombwa bikurikira :

- Indangamuntu cyangwa se icyemezo cy'umwirondoro wuzuye w'umukinnyi "attestation d'identite complete" ku bakinnyi batarafata indangamuntu.
- Amasezerano hagati y'ikipe n'umubyeyi/umurezi biherekejwe na fotokopi y'indangamuntu y'umubyeyi cg umurezi.
- Ikindi cyangombwa gishobora gusabwa n'ubunyamabanga bukuru igihe bibaye ngombwa.
- Ikarita y'ishuri, (utayifite Umuyobozi w'ikipe akagaragaza impamvu atayifite).
- Ifoto ngufi y'ibara igaragara neza.

Buri kipe yemerewe gushyira ku rutonde umubare w'abakinnyi batarenga 30 yifashisha mu gihe cy'irushanwa. FERWAFA ifite uburenganzira bwo kugenzura imyaka y'abakinnyi bari ku rutonde rwa buri kipe igihe cyose (ni ukuvuga mbere cyangwa mu gihe cy'irushanwa) hifashishijwe uburyo bwose bushoboka.
Ikipe bigaragaye ko yabeshye imyaka y'umukinnyi ihita itakaza umukino kuri mpaga y'ibitego 3-0 kandi uwo mukinnyi agahita avanwa ku rutonde rw'abakinnyi bitabujije ko iyo kipe cyangwa abayobozi bayo bashobora gufatirwa ibindi bihano na Komisiyo ishinzwe amarushanwa.

Ikipe yagaragayeho kubeshya imyaka izajya ihanishwa ihazabu ingana n'amafaranga ibihumbi Magana atanu (500,000 Fr).

Amakipe yemerewe kongera abakinnyi mugihe cy'imikino yo kwishyura gusa (Second Leg) igendeye ku mubare w'abakinnyi basigaye kuri 30 ikipe yemerewe kwandikisha mu irushanwa.

Nta kipe yemerewe gukinisha abanyamahanga keretse abatuye mu Rwanda cg bahakorera indi mirimo bafite ibyangombwa bibemerera gukorera mu Rwanda.

Umukinnyi ufite sitati y'ubuhunzi yemerewe gukina ari uko agaragaje icyangombwa kigaragaza igihe yavukiye cyatanzwe n'urwego rubifitiye ububasha.

Nta mukinnyi wemerewe gukina iri rushanwa afite indi license yatanzwe na FERWAFA cyangwa agaragara ku rutonde rw'abakinnyi b'indi kipe yitabira amarushanwa ategurwa na FERWAFA muri uwo mwaka w'imikino.

Icyakora abakinnyi bafite license yo kwitabira irushanwa bashobora gukinira amakipe makuru ikipe ishamikiyeho mu marushanwa ikipe nkuru yitabira hashingiwe ku biteganywa n'amabwiriza ya FERWAFA agenga amarushanwa.

**Ingingo ya karindwi: Ibirebana no guhindura ikipe**

Nta mukinnyi wemerewe gukinira ikipe irenze imwe mu irushanwa cyangwa guhindura ikipe hagati mu irushanwa.

Guhindura ikipe bikorwa mbere y'uko umukino wa mbere w'irushanwa ukinwa.

Mu ihererekanya ry'abakinnyi hifashishwa amategeko agenga ihererekanya (transfer) muri FERWAFA.

Ibibazo byose bishingiye kuri sitati no guhindura amakipe bikemurwa na Komisiyo ishinzwe amarushanwa muri FERWAFA n'izindi nzego za FERWAFA zibifitiye ububasha.

## IGICE CYA GATATU: IMITERERE Y'IRUSHANWA

### Ingingo ya munani: Uburyo irushanwa rizakinwamo

Ku rwego rw'amatsinda: hazakinwa imikino ibanza n'iyo kwishyura, mu matsinda atatu (3) mu bakobwa n'amatsinda abiri (2)mu bahungu.

**Ku makipe y'abakobwa,** muri buri tsinda hazazamuka ikipe ya mbere hiyongereho ikipe imwe izaba yarabaye iya kabiri yatsinze neza mu matsinda yose.

Imikino y'amatsinda ikirangira hazakurikiraho tombola y'uko amakipe azahura muri 1/2. Imikino yo mu matsinda iteganyijwe gusozwa tariki 21 - 22/06/2026.

**Mu Bahungu** hazazamuka amakipe abiri ya mbere muri buri tsinda: iya mbere mu itsinda A ihure n'iya kabiri mu itsinda B n'iya mbere mu itsinda B ihure n'iya kabiri mu itsinda A (A1vs B2, B1vs A2), amakipe yatsinze hamaze kurebwa imikino yombi akine umukino wa nyuma.

Uburyo umukino wa nyuma uzakinwamo n'ibihembo bizagenwa n'Ubunyamabanga Bukuru bwa FERWAFA.

Umukino wa nyuma ukaba uteganyijwe taririki ya 11/7/2026.

### Ingingo ya cyenda: Igihe imikino imara n' umubare w'abakinnyi

| S/N° | IBISOBANURO | JUNIOR |
|---|---|---|
| 1. | Abakinnyi ku rutonde rw' abakinnyi | 30 |
| 2. | Abakinnyi bajya ku ru papuro rw'umukino | 20 |
| 3. | Umubare w' abakinnyi ntarengwa mu kibuga | 11 |
| 4. | Umubare w' abemerewe gusimbura | 6 |
| 5. | Iminota yo gukina | 45 x 2 |
| 6. | Iminota yo kuruhuka | 15 |

### Ingingo ya cumi: Ibigenderwaho mu gutondeka amakipe ku rutonde

Ikipe itsinze umukino umwe ibona amanota 3, iyanganyije inota 1, mu gihe iyatsinzwe ibona 0. Ikipe itageze ku kibuga iterwa mpaga y'ibitego 3-0 bishyirwa ku ikipe yateye mpaga. Ibikurikizwa mu kugena uko amakipe azakurikirana ku rutonde ni ibi bikurikira:

- Amanota menshi yabonetse nyuma y'imikino yose
- Ikinyuranyo k'ibitego nyuma y'imikino yose
- Umubare mwinshi w'ibitego byinjiye mu mikino yose

Mu gihe amakipe abiri cyangwa arenze abiri ahuje ibiteganywa mu gika kibanza, kuyakurikiranya hakurikizwa ibi bikurikira:

- Umubare w'amanota yabonetse nyuma y'imikino hagati y'amakipe bireba.
- Ikinyuranyo cy'ibitego hagati y'amakipe bireba nyuma y'imikino yose.
- Umubare munini w'ibitego byinjiye nyuma y'imikino hagati y'amakipe bireba.
- Umubare w'amanota munini ku bijyanye na fair play ugendeye ku makarita y'umuhondo n'umutuku byabonetse mu mikino yose:

  - Ikarita y'umuhondo: Gukuraho inota 1
  - Ikarita itukura (amakarita abiri y'umuhondo): Gukurwaho amanota atatu 3
  - Ikarita itukura y'ako kanya (direct red card): Gukurwaho amanota ane 4
  - Ikarita y'umuhondo n'iy'umutuku by'ako kanya (direct yellow and red card); Gukurwaho amanota 5

**Ingingo ya cumi n'imwe: Ibisabwa mbere y'umukino no kugenzura ibyangombwa by'abakinnyi**

Abakinnyi bemerewe kujya ku rupapuro rw'umukino *(feuille de match)* ntibarenga 20 hamwe n'umubare w'abagize "*staff technique*" y'ikipe ugenwa mu mabwiriza agenga amarushanwa ya FERWAFA.

**Abagize *Staff technique* bemerewe kujya ku rupapuro rw'umukino:**

1. Umutoza Mukuru (Head Coach) - (LICENCE C CAF)
2. Umutoza wungirije (Assistant Coach) - (LICENCE D)
3. Umutoza w'abanyezamu (Goalkeeper Coach)
4. Umutoza wongera ingufu (Fitness Coach)
5. Umuganga (Docteur/nurse)
6. Umuganga (Physiotherapist)
7. Ushinzwe kubungabunga abakinnyi (Safeguardian)
8. Umuyobozi w'ibikorwa by'ikipe (Team Manager)

Uru rupapuro rw'umukino ruhabwa amakipe yose mbere y'uko irushanwa ritangira kandi rugomba kuba rwujujwe uko rwakabaye rugasinywaho n'umutoza w'ikipe urushyikiriza komiseri w'umukino habura isaha imwe (1 hour) ngo umukino utangire.

Abasimbura batoranywa mu bakinnyi banditse ku rupapuro rw'umukino kandi bagomba kuba banditse nk'abasimbura mbere yo gutangiza umukino

Buri kipe igomba kwereka abasifuzi licenses z'abakinnyi ndetse na staff mbere y'uko umukino utangira kugira ngo hagenzurwe ko bujuje ibisabwa ngo bemererwe gukina.

Ikipe yasuwe isabwa kuba yateguye ikibuga cyujuje ibyangombwa byose nk'uko amategeko n'amabwiriza ya IFAB na FERWAFA abivuga.

Ikipe irenze ku bivugwa muri aya mabwiriza bijyanye n'ibisabwa ku kibuga cyangwa ibindi bisabwa n'urwego rubishinzwe iterwa mpaga (3-0) ikanacibwa ihazabu y'amafaranga ibihumbi ijana 100,000 Frw cg se kimwe muri ibyo bihano.

**<u>Ingingo ya cumi na kabiri:</u> Ibisabwa igihe cy'umukino, Ibyerekeye abakinnyi no gusimbuza**

Umukino w'umupira w'amaguru wemewe ntushobora gukinwa utagizwe nibura n'abakinnyi barindwi (7). Ikipe izagera ku kibuga idafite byibuze abakinnyi 7, umusifuzi ntiyemerewe gutangiza umukino bataragera kuri uwo mubare.
Iyo igihe cyateganyijwe gutangiriraho umukino kirenzeho iminota 15 abakinnyi 7 bataruzura umusifuzi yemerewe gukora raporo iagaragaza ko umukino utabaye akayohererereza FERWAFA.

Umubare w'abasimbura wemewe mu mukino ni abakinnyi batanu (6) mu nshuro eshatu.

Iyo umukinnyi utanditse ku rupapuro rw'umukino yinjiye mu kibuga mu gihe cy'umukino, hatangwa ikirego nyuma y'uwo mukino imbere y'umusifuzi, agahamagara kapiteni w'ikipe bahanganye n'umwe mu basifuzi bunganira kugira ngo babikorere inyandiko yoherezwe mu Bunyamabanga bukuru mu gihe kitarenze amasaha 24 nyuma y'umukino.

Ikipe yarezwe iyo igaragaweho amakosa itakaza uwo mukino kabone nubwo yaba yatsinze igihe bigaragaye ko ikirego cyatanzwe cyakiriwe kandi byagaragaye ko gifite ishingiro.

FERWAFA ifite uburenganzira bwo gutera mpaga igihe cyose bigaragaye ko hari ikipe yakinishije umukinnyi utemerewe bitagombeye kuba ikirego cyatanzwe.

Umukinnyi asabwa kugumana nimero imwe kuva umukino utangiye kugeza igihe umukino urangiriye.

Umukinnyi wabonye ikarita z'umuhondo 3 mu mikino itandukanye cg ikarita y'umutuku mu irushanwa asiba umukino ukurikira kabone n'ubwo ikipe ye yaba yatsindiye kujya mu cyiciro cy'irushanwa gikurikira.

**<u>Ingingo ya cumi na gatatu</u>: Imyambaro y'abakinnyi**

Buri kipe igomba kwitwaza imyambaro ya siporo yabugenewe ifite ibara riranga ikipe bakinira na nimero zigaragara ku mugongo. Ayo mabara agomba kuba azwi kandi yaramenyeshejwe mbere yo gutangira irushanwa mu buryo bugenwa n'ubunyamabanga bukuru. Ikipe yasuwe ikinisha imyenda isanzwe yambara yamenyeshejwe igiye cyo

gutangira irushanwa. Igihe amabara asanzwe yambarwa n'amakipe agiye gukina asa cyangwa atera kwitiranya amakipe, ikipe yasuye ihindura imyenda yo gukinisha. Igihe umukino ubera Ku kibuga kitari kimwe mu makipe yakinnye, ikipe yavuzwe bwa kabiri niyo ihindura imyenda yo gukinisha. Umuzamu ntabwo ahinduza imyambaro y'indi kipe.

Ikipe igomba kugenera abakinnyi ibyo bambara byabugenewe birinda amaguru (Shin Guards) ndetse n'inkweto zagenewe gukina umupira w'amaguru.

Ikipe ibirenzeho ifatirwa ibihano harimo no guterwa mpaga na Komisiyo ishinzwe gukurikirana amarushanwa. Gukinana ibintu bishobora gukomeretsa byose birabujijwe.

**Guhagarikwa kw'abakinnyi(suspension)**

- Umukinnyi ubonye amakarita y'umuhondo atatu (3) ahagarikwa umukino umwe (1).
- Umukinnyi ubonye ikarita itukura cyangwa amakarita abiri y'umuhondo mu mukino umwe ahagarikwa umukino umwe (1) ushobora kwiyongera bitewe n'uburemere bw'ikosa, byemejwe na Komisiyo ishinzwe amarushanwa.
- Amakarita yose akomeza kubarwa mu byiciro byose by'irushanwa.
- Umukinnyi wahagaritswe ntiyemerewe kwicarana n'abandi ku ntebe y'abasimbura.

Mu gihe bibaye ngombwa hafatwa ibindi byemezo hakurikijwe amategeko ngengamyitwarire ya FERWAFA bigendanye n'uburemere bw'ikosa iryo ari ryose ryakozwe n'umukinnyi, umuyobozi, umufana cyangwa umutoza.

**<u>Ingingo ya cumi na kane:</u> Ibyerekeye kwemeza imikino**

Kwemeza imikino bikorwa na Komisiyo ishinzwe amarushanwa muri FERWAFA *(Homologation des resultats)* mu gihe habayeho impaka zashyikirijwe Ubunyamabanga Bukuru, iyo komisiyo igomba guterana mu gihe cy'amasaha mirongo ine n'umunani (48hrs).

Mu gihe umukino uhagaritswe n'ibihe bidasanzwe, impamvu zikomeye cyangwa ukwangirika kw'ikibuga hakurikizwa ibiteganywa n'amabwiriza agenga amarushanwa muri FERWAFA.

## <u>IGICE CYA KANE: INSHINGANO ZA FERWAFA N'AMAKIPE</u>

**<u>Ingingo ya cumi na gatanu:</u> Inshingano za FERWAFA**

Mu rwego rwo gutegura no gutunganya neza imigendendekere y'amarushanwa FERWAFA ifite inshingo zikurikira:

- Gutanga ibihembo ku makipe yahize ayandi (hahembwa iya mbere n'iya kabiri gusa).



MB

- Gushyiraho uburyo bwo gukurikirana igikorwa no gutoranya abakinnyi barusha abandi impano

Ku ikipe yamaze guhabwa nkunganire ikikura mu irushawa ryaramaze gutangira, isubiza nkunganire yose uko yakabaye.

Kubura ku kibuga utabimenyesheje mu gihe cyagenwe, ikipe izajya icibwa amande angana n'amafaranga ibihumbi magana atanu (500,000Fr) azajya yishyurwa kuri Konti ya FERWAFA bitarenze ibyumweru bitatu (3 weeks).

**Ingingo ya cumi na gatandatu: Inshingano z'amakipe azitabira amarushanwa**

- Amakipe yose yiyandikishije kwitabira iri rushanwa agomba kubahiriza amabwiriza yavuzwe mu ngingo zibanza.
- Kugena imbangukiragutabara ku kibuga. Imbangukiragutabara ni itegeko ku kibuga ku ikipe yakiriye. Iyo itabonetse ikipe yakiriye iterwa mpaga.
- Gushyiraho ingamba z'ubutabazi bw'ibanze (first aid) no kuba ifite umuntu ushinzwe First aid ku kibuga. Iyi ni inshingano za buri kipe ku giti cyayo.
- Gushyiraho abashinzwe umutekano bemewe na Leta, Ikipe idafite abashinzwe umutekano ku kibuga iterwa mpaga. Ibibazo byose bijyanye n'umutekano muke bigaragaye ku kibuga byose bibazwa ikipe yakiriye umukino.
- Kumenyesha inzego z'ibanze n'izishinzwe umutekano ziherereye gahunda y'imikino yayo iba yatanzwe na FERWAFA.
- **Mu makipe y'abakobwa, hagomba kubamo nibura umuntu umwe w'umugore/umukobwa muri staff kandi na Team Manager w'ikipe y'abakobwa agomba kuba ari umugore/umukobwa.**
- Buri kipe igomba kugira *Safeguarding Officer* uhuje igitsina n'abakinnyi b'ikipe abarizwamo.

*Safeguarding Officer* ashinzwe kurengera umutekano n'imibereho myiza y'abakinnyi.

Ikipe itubahirije aya mabwiriza ishobora guterwa mpaga, gucibwa ihazabu cyangwa gufatirwa ibindi bihano.

Ibyo bihano bifatwa na komisiyo zibifitiye ububasha muri FERWAFA.

## IGICE CYA GATANU: GUKEMURA IMPAKA N'IBIHANO

**Ingingo ya cumi na karindwi: Ibyerekeye gutanga ikirego**

Ikipe yifuza gutanga ikirego ibikora mu gihe kitarenze amasaha 24 nyuma y'umukino, kikagaragazwa mu ibaruwa irega iherekejwe n'inyemezabwishyu y'amafaranga ibihumbi makumyabiri (20,000 Frw) igezwa ku Bunyamabanga Bukuru bwa FERWAFA mu gihe kitarenze amasaha 24 uhereye igihe umukino urangiriye.

**<u>Ingingo ya cumi n'umunani:</u> Gusezera mu irushanwa**

Ikipe yifuza gusezera mu irushanwa igomba kubimenyesha Ubunyamabanga Bukuru bwa FERWAFA nibura iminsi 5 mbere y'uko irushanwa ritangira. FERWAFA ifite uburenganzira bwo kugena ikipe isimbura iyasezeye mu irushanwa.

Ikipe yasezeye cg yikuye mu irushanwa ryaba ryatangiye cyangwa ritaratangira igarura/isubiza inkunga nyunganizi yose uko yayihawe ndetse igasubizwa urwego rwayitanze bitarenze iminsi 5 bitabujije ko ishobora no gufatirwa ibindi bihano na Komisiyo amarushanwa hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko n'amabwiriza bya FERWAFA.

Iyo kipe imikino yakinnye, amanota yarifite bihindurwa imfabusa, imikino, amanota n'ibitego by'andi makipe yakinnye nayo nabyo bihita biba imfabusa.

**IGICE CYA GATANDATU: INGINGO ZISOZA**

**<u>Ingingo ya cumi n'icyenda</u>: Ibidateganyijwe muri aya amabwiriza**

Ibidateganyijwe muri aya mabwiriza hazitabazwa amategeko agenga amarushanwa ndetse n'andi mategeko ya FERWAFA, CAF na FIFA.

Ibitagengwa n'aya mategeko bizagenwa na Komisiyo ya tekiniki n'iterambere ifatanyije na Komisiyo y'amarushanwa muri FERWAFA ari nazo zishobora kuyavugurura zibisabwe n'Ubunyamabanga Bukuru mu gihe cyose bibaye ngombwa hagamijwe imigendekere myiza y'amarushanwa kandi iciye mu mucyo.

Aya mabwiriza azatangira gukurikizwa guhera igihe ashyiriweho umukono.

Bikorewe i Kigali ku wa 23/02/2026

FEDERATION RWANDAISE DE FOOTBALL ASSOCIATION
FERWAFA
B.P 2000 Kigali

**SHEMA NGOGA Fabrice**

**Perezida**

**Bonnie MUGABE**

**Umunyamabanga Mukuru**

***Ishyirahamwe ry'Umupira w'amaguru mu Rwanda (FERWAFA)***